

Akanyamakuru ku burezi n'ubuzima mu mashuri, kandikwa na ADRA Rwanda ku kunga ya DANIDA. Gasohoka buri gihembwe.



**Ni umwana  
nk'abandi, byumve  
mubyeyi nawe  
urera...**

**P.10**

**QUIZ**

**P.20**



**P.13**

## Narangije **Catch-up** ubu niga mu mashuri yisumbuye



**Ubuzima:**  
Club Ejoheza  
hazira virusi  
itera SIDA  
**P.23-24**



**Uvugizi:**  
Amashuri  
noneho  
arasakaye  
**P.18**



**Uburezi:**  
Nta kizambuza  
gukomeza  
kwiga  
**P.4**

# Ijambo ry'ibanze

## Ishuri ni wo murage ukwiriye umwana

**M**u Rwanda rwo hambere Abanyarwanda benshi bari babeshejweho no guhinga ndetse no korora. N'ubu kandi ubuhinzi bukorwa mu turere twose tugize igihugu cyacu usibye ko hari byinshi byahindutse.

Muri icyo gihe umubyeyi yumvaga ko agomba kuraga umwana we ubutaka cyane ko bari bafite ubutaka bunini kandi bwera kubera ko igihugu cyari gituwe n'Abanyarwanda bake ugereranyije n'ubu. Ikindi kandi muri icyo gihe nta terambere rindi ryari rihari ngo haboneke ikindi bashingiraho imibereho yabo. Umwana yaravukaga agasanga iwabo babeshejwe no korora cyangwa guhinga na we akabitozwa, yagera igihe cyo gushinga urugo bakamuha ubutaka, bakamuha n'amatungo niba ari aborozi, ubuzima bugakomeza.

Ariko uko imyaka yagiye ishira ni nako Abanyarwanda bakomeje kwiyongera ku muvuduko munini. Mu 2012 Abanyarwanda babarirwaga muri miliyoni 11.5 mu gihe bari miliyoni 2.9 gusa mu 1960; tutiyibagije ko mu 1994 habaye Jenosite yakorewe abatutsi yahitanye benshi. Iterambere naryo ryagiye riza buhoro buhoro, abana batangira kujya mu mashuri barangiza bagakora indi mirimo itari uguhinga no korora basanze ababyeyi babo bakora.

Muri iki gihe rero usibye no kuba ubutaka bwo butiyongera mu gihe abaturage bo biyongera umunsi ku wundi, kwiga bisigaye ari rwo rufunguzo rw'iterambere kuko umurimo wose wakora bisaba kuba uwufitemo ubumenyi wakuye mu ishuri. Yewe kabone na bwa buhinzi n'ubworozi, kuko kugira ngo bushobore kubeshaho ubukora, yihaze kandi asagurire n'amasoko, bisaba ko aba afite ubumenyi mu kububya umusaruro uhagije. Bivuze ko agomba kwiga.

N'ubwo hari abareba hafi bakibwira bati "none se kwiga bimaze iki ko tubona n'abize batabona akazi?". Yego ntibivuze ko ntawabura guterwa impungenge n'uko umwana arangiza ntahite abona akazi, ariko ntiwagereranya uwize utegereje akazi kandi abifitiye ubumenyi n'ubushobozi n'uwicaye ntacyo yicaranye! Ikindi kandi, kwiga ntibivuze gutegereza gusaba akazi gusa kuko imwe mu mirimo abantu basaba harimo n'iyatangijwe n'abantu ku giti cyabo. Twavugaga nk'inganda, ibigo by'amashuri, iby'ubuvuzi, kompani z'ubucuruzi, ubwubatsi, gutwara abantu n'ibintu, itumanaho n'ibindi. Bivuze rero ko kwiga bifungura umuntu akaba ashobora no guhanga imirimo na we agaha abandi imirimo.

Igihe tugezemo rero bimaze kugaragara ko umurage wa mbere umubyeyi akwiye guha umwana we ari ukumushyira mu ishuri kugira ngo ubumenyi azakuramo buzamutunge ubuzima bwe bwose.

# Turacyari abana!

Nitwa Twiringirimana Daniel, niga ku kigo cy'amashuri abanza ya Ruganda, umurenge wa Ruganda, akarere ka Karongi.

Nkunda kureba no kwitegereza ibibera mu gace k'iwacu, natega amatwi n'ibibera ahandi ngasanga abana bahura n'ibibarushya byinshi.

Muri iki gihe abashukanyi babaye benshi kandi buri gihe baza bigize nyoninyinshi abandi bigize nk'abamarayika, abandi bigize abagwaneza ariko bashaka kurindagiza abana no kubicira ubuzima cyane cyane abana b'abakobwa.

Bagenzi banjye nanjye ntiretse reka mbagire inama. Munkundire munyumve kugira ngo mutazibuka ibitereko mwasheshe. Mureke twirinde abashukanyi badushukisha udhendabana bagamije kudushora mu busambanyi. Erega turacyari abana igihe cyo gukora imibonano mpuzabitsina ntikiragera kandi igihe nikigera imana izaduha abadukwiriye.

Iyo twemeye tugashukwa ba bihehe batwicira ubuzima ndetse n'imigami yacu ntigire aho yerekeza. Twitondere abatuganisha mu ngeso mbi bese, tugire ikinyabupfura dutozwa n'ababyeyi ndetse n'abarezi kugira ngo ejo hacu hazabe heza kuko burya ngo amagara araseseka ntayorwa.



**Soma akanyamakuru**

Imbarutso y'iterambere


Twandikire @ imbarutso@adra.org.rw...

Duhamagare/SMS (+250) 786 278 505

Turashimira abagize uruhare muri icyo Nomero. Proof reading: Fabien Hitayezu (Research, M&E Office), Ruda singwa Théogène (Communication Coordinator). Collection of articles: A SC program Sector Coordinators: Elphaz Ngizwenimana, Margaret Gahongayire, Charles Habimana, Elisee Nyiragabo. Turashimira bandi abazimu ba Catch up ndetse n'abazimu ba shinzwe ama club anti-SIDA mu ma shuri (focal teachers), bafasha abana kwandika inkuru. Layout & Design: Etienne Ntagwira, Communication & Advocacy Officer/A D R A Rwanda (etienne@adra.org.rw/nedooat@gmail.com; tel: 0788792186)



**7** Kwipimisha ukamenya uko uhagaze ni ingenzi



**17** **UBUZIMA**  
Nagize ubuzima bubi kubera ko navukanye virusi itera SIDA. Ubu namaze kwiyakira ndiga nta kibazo



**16** KIRAZIRA GUKOresha ABANA IMIRIMO ITEMewe NK'UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO

**UBUMENYI**  
**R**akura ubwenge  
Igihugu kinini muri Afurika?

**20**



**9** **SIGAHU URI UMUBYEYI.**  
Nabonye abana bishimye n'ababaye. Nabonye abana biga n'abatiga, nkibaza impamvu...



**UBUVUGIZI**

**Ibigo by'amashuri: KARONGI**  
**G.S St. Paul Munigi:** Yahawe mudasobwa zisaga 200.  
**E.P Musongati:** Abana ntibakigira mu mashuri atuzuye  
**G.S Shoba Muramba:** Ubwihereho 6 bushya

**18-19**



**16**  
**Bana twirinde abadushuka**  
Niba uhohotewe bimenyeshe ababyeyi bawe nabo babigeze ku nzego zibishinzwe.



**24** Ifoto y'inyuma ku gifuniko

Iyi foto yafowe mu 2012, mu karere ka Muhanga. Uyu mwana yarimo yirira igisheke. Yiga mu mashuri abanza



# Bamwe mu banyeshuri barangije



Museruka Elie na Uyisaba Esther, bahoze biga muri Catch-up muri Karongi ubu bakaba biga mu yisumbuye, tariki 24/02/2014 baje mu kiganiro kuri radio Flash FM aho batanze ubuhamya ndetse bagashishikariza n'abandi bavuye mu ishuri kurisubiramo. Umutumirwa mukuru yari Bwana Habimana Jacques, umukozi wa Minisiteri y'Uburezi ushinze amashuri abanza.

**G**ahunda ya catch-up yashyizweho na Ministere y'uburezi mu 2002 ku bufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku burezi UNICEF kuko byari bimaze kugaragara ko hariho ikibazo cy'abana n'urubyiruko bari baracikirije amashuri cyangwa se batarabashije kugera mu ishuri bitewe na Jenocide igihugu cyacu cyari kivuyemo.

ADRA Rwanda yashyizeho iyi gahunda mu mirengere ikoreramo y'akarere ka Karongi na Nyamasheke. Bamwe mu banyeshuri bigaga muri catch-up umwaka ushize bakoze ikizamini gisoza amashuri mu mashuri abanza ubu biga mu yisumbuye. Nibura abanyeshuri 31 kuri 50 bo mu mirengere itanu bari bakoze nibo batsinze icya Leta.

Kuva Catch-up yatangira muri 2011 kugeza ubu, nubura mu mirengere wa Ruganda abana 17 bamaze gutsinda ikizamini gisoza amashuri abanza. icyakora si ko bose bari mu mashuri yisumbuye kubera impamvu zinyuranye. Harimo nko kuba bamwe batanze ingo kuko bize bakuze cyangwa se bakaba barashatse bakiri bato, ubukene bw'imiryango baturukamo n'ibindi.



Iri mureba (mu kaziga k'umuhondo) ni shuri ryisumbuye rya Ruganda mu karere ka Karongi. Niho Mukamuhizi Belancille na Dushimimana Emmanuel ubu biga mu mwaka wa mbere nyuma yo kurangiza Catch-up bagatsinda ikizamini cya Leta. Kuri bo, mbere ngo babonaga bidashoboka kwiga kuri iri shuri!

# Catch-up ubu bari mu yisumbuye



**M**fite imyaka 18, nitwa Mukamuhizi Belancille. Dutuye mu kagari ka Kivumu umurenge wa Ruganda, akarere ka Karongi. Nize amashuri abanza ngeze mu mwaka wa kane mvamo kubera ubukene bw'ababyeyi banjye kandi papa yari ageze mu zabukuru atagishobora kumbonera ibyo nkeneye. Bakuru banjye na bo baje kuva mu rugo bajya gushaka imibereho nsigara mu rugo nshobewe.

Hashize igihe kirekire nahuye n'umwarimu wigishaga muri catch up ku

kigo cy'amashuri abanza cya Ruganda anshishikariza kugaruka mu ishuri ndabyemera ndaza ndiga. Nagezemo niga nshyizeho umwete. Natsinze ikizamini cya Leta umwaka ushize ubu niga mu mashuri yisumbuye ya ESI Ruganda mu mwaka wa mbere.

Kugira ngo mbone ibikoresho byo kuza ku ishuri nabifashijwemo n'umuyobozi Ushinzwe imibereho myiza ku murenge wa Ruganda. Ubu niga nshyizeho umwete kandi mfite n'intumbero yo kuzakomeza kwiga byashoboka ngakomeza na kaminuza.



**N**itwa Dushimimana Emmanuel navutse mu 1997, navukiye mu kagari ka Kivumu, umurenge wa Ruganda, akarere ka Karongi. Nageze mu mwaka wa 3 mvamo kubera ko nari maze kubura umubyeyi.

Namaze imyaka hafi itatu ntiga kuko nta wo kunyitaho nari mfite. Ibyo byatumwye niheba. Nyuma ADRA Rwanda yazanye gahudna ya Catch-up nyewe nita "gana ishuri munyarwanda". Umwarimu wakoragamo yambwiye ibyiza byo kujya mu ishuri. Ubwo naraje niga nshyizeho umwete. ADRA yampaye ibikoresho nsubira mu ishuri, nkorana ikizamini n'abandi bana ndatsinda ubu ndi mu mwaka wa mbere kuri ESI Ruganda mu mashuri yisumbuye.

Ibi biranshimisha cyane kuko icyo nari narabuze nongeye kukibona. Ndasaba imana ngo izamfashe ndusheho gukomeza kandi n'abandi bavuyemo ibahe uburyo bwo kurisubiramo.



Museruka Elie, mfite imyaka 39, nigaga muri Catch-up, umwaka ushize natsinze ikizamini cya Leta ubu niga mu yisumbuye kuri G.S Nyabikeri i Ruganda, Karongi. Kwiga nkuze nta pfunwe bintera.



Uyisaba Esther, nari navuyemo niga mu wa 4. Narangije muri Catch-up nkora icya Leta, nsindira ku manota 34, ubu niga kuri G.S Kilinda mu wa 1, mu murenge wa Murambi, akarere ka Karongi.



Nitwa Munyaneza Augustin. Navutse mu 1995. Ubu mfite imyaka 18. Dutuye mu murenge wa Ruganda, akarere ka Karongi. Ubu niga ku Ishuri ryisumbuye rya Ruganda, mu mwaka wa 2, aho nagiyemo mvuye muri Catch-up.



# Bana twirinde abadushuka

**N**itwa Benimana Claudine, niga mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza ku kigo cya Biguhu B kiri mu murenge wa Ruganda, akarere ka Karongi.

Umunsi Umwe nari mvuye ku ishuri nyura ku musore mukuru w'imyaka nka 25 ari kumwe n'umwana w'umukobwa ufite nk'imyaka 12 yari amufashe ku rutugu, aramusoma amuha bombo n'amafaranga yo kugura amandazi cyangwa utundi tuntu yamubwiraga ko yakenera. Ubwo birakomeza bigeza aho umuhungu yahoraga amutegereza mu nzira anyuramo avuye kwiga. Uyu mukobwa yari akiri muto ariko afite igikuriro n'uburanga. Birakomeza umuhungu akajya amujyana no muri resitora kumugurira ibiryo, byityo umwana akajya ategerereza wa mu sore hahandi amugurira ibyo kurya cyangwa icyayi n'amandazi.

Umwana yageraga iwabo bamubaza aho akorererwa akavuga ko

Se  
w'umwana  
yagiye kuri  
polisi kugira ngo  
imukurikiranire  
ikibazo cy'umwana  
we umusore  
yahohoteye.  
Umusore yashyikirijwe  
inkiko, aburanye  
aratsindwa ubu  
arafunzwe.

baba babahaye imyitozo cyangwa ko baba bari gukubura, cyangwa gukora isuku ku ishuri.

Umusore yakomeje kumushukisha utuntu twinshi bigeza aho amujyanye iwe bakorana imibonano mpuzabitsina idakingiye. Hashize iminsi umwana

akajya yirirwa ataka ko rwaye ariko akabihisha ababyeyi be. Yaza kwiga akirirwa aryamye ku ntebe. Mwarimu akagira ngo arimo gusinzira akamwohereza hanze ngo amareyo akanya afata akuka agaruke. Bikomeza bityo, umunsi umwe mwarimu yamubajije ikibazo afite aramubwira ngo arashonje. Mwarimu abigeza ku babyeyi be. Baraza baramwihererana bamubaza ikibazo afite neza n'icyifuzo cye kuko batumvaga ibyo ari byo. Umwara arababeshya ngo ni mu nda hamurya. Kandi yayyaga no gusoba agataka kuko yababaraga. Nyuma ababyeyi bamujyanye kwa muganga kuko bakomeje gushidikanya. Bamupimye basanga yaranduye imitezi. Muganga aramuvura. Amugira inama ngo guhera icyo gihe yirinde abamushuka bamushora mu busambanyi kuko ashobora kwanduriramo indwara zirimo na SIDA itagira umuti n'urukingo.

Amaze kubona ibisubizo bivuye kwa muganga bigaragaza ko umwana yasambanyijwe agaterwa mitezi, se w'umwana yamubajije uwabimukoreye amubwira ko ari umuhungu atazi izina ariko azi aho atuye amusobanurira uko byagenze. Se w'umwana ajya kuri polisi kugira ngo imukurikiranire icyo kibazo. Polisi yakomeje kugukurikiranira, umusore ashyikirizwa inkiko. Aburanye aratsindwa ubu arafunzwe.

Bana bato mwirinde ababashuka babakoresha imibonano mpuzabitsina.



**Attention!**

# Kwipimisha ukamenya uko uhagaze ni ingenzi



**Mu gakinamico ka club anti-SIDA Ejoheza yo mu murenge wa Ruganda, uyu mubyeyi hamugiraga inama yo kujya kwipimisha ukamenya uko ahagaze.**



**N**itwa Nyiransengiyumva Christine, niga ku kigo cya Gitabura, umwaka wa 2 wisumbuye. Mfite imyaka 16.

Reka mbahe inkuru yabayeho y'umubyeyi twari duturanye yitwa Mugiramana Lidiya. Iri zina ni iryo

namuhimbye kubera kwanga ko abantu bose bamumenya. Yari yaranduye virusi itera SIDA ariko ntabwo yari azi ko yanduye. Abantu bakomezaga kunuganuga ko yanduye ndetse bamwe bakamugira inama yo kujya kwa muganga kwisuzumisha, ariko ntabyemere. Gusa nabo usibye kubona agenda arushaho kuzahara, nta kindi bashingiragaho kandi SIDA ntipimishwa ijisho.

Umunsi umwe yagiye kwa muganga baramusuzumye basanga yaranduye virusi itera SIDA. Basanze asigaranye abasirikare bake cyane bamutegeka ko atangira gufata imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA.



Hari abantu benshi babayeho batazi uko bahagaze kandi badashikajwe no kujya kwipimisha ngo bamenye niba ari bazima cyangwa baranduye virusi itera SIDA. Birashoboka kandi ko hari abicwa na SIDA bataramenya ko banduye virusi iyitera SIDA. Buri muntu wese akwiriye kwipimisha Virusi itera SIDA kugira ngo afate ingamba zikwiye.

## KWIRINDA SIDA

Niyonsaba Patrick

### Bibeshya ko SIDA atari ikibazo!

**N**itwa niyonsaba Patrick, mfite imyaka 18 niga mu mwaka wa 5, (S5 PCB) G.S St. Joseph Birambo. Bamwe ngo ntibagitinya SIDA kubera ko hari umuti ugabanya ubukana bagakomeza kugira ubuzima ariko nyje mbona bibeshya cyane kuko kuba SIDA yarabonewe imiti igabanya ubukana ntibisobanura ko yabonewe umuti uyivura igakira burundu ninayo mpamvu tugomba kwitwara neza ntidukomeze kwiyahura bishora mu mibonano idakingiye dore ko ahanini ari ho SIDA yandurira. Usanga akenshi imvugo nk'izo ziri mu rubyiruko bikaba bishobora gutuma bamwe bishora mu busambanyi ari na byo bibaviramo kwandura SIDA.

Kuba imiti igabanya ubukana yarabonetse ntibisobanuye ko SIDA idahari.

# Namusabye ko twijyanira iwacu ahageze bamushyira mu ishuri



**A**mazina yanjye nitwa Nyirabizeyimana Vestine mfite imyaka 18, niga mu mwaka wa 6 w' Ibaruramari muri ESA Birambo, akarereka Karongi.

Kera nkiri muto sinari nzi uburenganzira bw'umwana icyo aricyo. Ubu namenye ko guha umwana uburenganzira bimufasha gukura neza. Urugero, umwana afite uburenganzira bwo kwiga, kurya, kuba mu muryango, kwitabwaho n'ibindi.

Ibyo bimufasha gukura neza mu gihagararo ndetse no mu ibitekerezo, bimufasha kandi gutegura ejo hazaza heza no kureba kure mu rwego rw' imitekerereze ye.

Nturanye n' umwana witwa Ngabo Alexis (si yo mazina ye nyakuri) mu murenge wa Rugabano mu karere ka Karongi, ababyeyi be barakennye ariko si cyane ku buryo babura ibikoresho by'ishuri. Ntibamushyize mu ishuri ahari kubera imyumvire

yabo. Ngabo yigiriye inama yo gutoroka ababyeyi kuko yabasabaga kujya mu ishuri nk'abandi bana bakamwangira ngo "n'abize nta kazi babonye".

Aho yagiye bamufashe nabi, bamukoresha imirimo idakwiriye umwana, ntabone amafunguro ahagije, kutaruhuka no kutabona akanya ko guhura n' abandi bana.

Umunsi umwe nahuye n' uwo mwana, mubajije antekerereza uko byamugendekeye numva birambabaje cyane ni uko musaba ko twakwijyanira iwacu, arabyemera.

Twagezeyo mbitekereza ababyeyi banjye barabyumva. Bajya inama yo kumujiyana mu ishuri na we akiga nk'abandi bana. Umwana yaragiye yiga neza afite ubushake umwaka wa mbere yawurangije afite amanota meza.


Amaze imyaka ibiri iwacu naje kujyana na we iwabo nganira n'ababyeyi be bambwira ko impamvu yabateye kutita ku

mwana wabo ari uko bumvaga kwiga nta kamaro bifite! Ariko tumaze kuganira bambwiye ko nabo bamaze gusobanukirwa ko umwana afite uburenganzira bwo kwiga. Bemeye noneho gukurikirana imyigire y'umwana wabo.

Ubu ageze mu umwaka wa gatatu w' amashuri yisumbuye kandi afite intego yo gukomeza na kaminuza.

Nkaba ngira inama abana bose ko bagomba guharanira uburenganzira bwabo. Kandi nkaba nshishikariza abarezi, ababyeyi n' abandi bose bashinzwe gukurikirana uburenganzira bw'abana ko bakangurira abana bose kwitinyuka bakavuga ibibabangamira byose bishobora kubavutsa ejo hazaza heza.

Ndashimira cyane uharanira uburenganzira bw'umwana, ndashimira nawe usoma iyi nkuru, ikubere inkoni wicumba ahazamuka.



Mbere abandi bana bajyaga ku ishuri Ngabo we akajya gukorera amafaranga kandi na yo ntayabobe ahubwo agafatwa nabi ntahabwe n'ibyo kurya bihagije.



# Have sigaho, uri umubyeyi

**N**itwa Nezererwimana Placide, niga ku mashuri abanza ya Rwamuramira, mu murenge wa Ruganda, akarere ka Karongi, umwaka wa 6. Mbona abana bishimye n'ababaye. Nabonye abana biga, mbona n'abatiga, abatarigeze mu ishuri n'abarigezemo bakarivamo. Hari abana babona ibyo kurya n'abatabibona. Nakomeje kwitegereza mbona hari aho biterwa n'ababyeyi, ubukene, hakaba n'aho biterwa n'abana ubwabo ndetse n'ibindi ntabashije kumenya. Ni muri urwo rwego natekereje kugira inama ababyeyi binyuze muri uyu muvugo witwa "Have sigaho uri umubyeyi".



**B**abyeyi namwe murerera u Rwanda  
Ni mutwegere tubahanure  
Tubagaragarize ibyo twanenze  
Bitakijyanye n'igihe turimo  
Mureke amatiku hagati yanyu

Iyo muryana iyo mu miryango  
Umwe ngo ninjye undi ngo reka reka  
Iby'ubuyaya ngo n'ububoyi  
Byatugirira akamaro natwe  
Tukabona akunyu bitatugoye

Iyo mirimo mwita myiza  
Ikoreshwa umwana cyangwa imukorerwa  
Mukwiye ubwanyu kubyumva rwose  
Mukamuha umwanya mukamukunda  
Mukamuvanaho ubwo buretwa

Mwibashora mu bibashavuzwa  
Bibashushubikanya batabishaka  
Kandi rero n'uwabishaka  
Kuko gushishoza kwe ari gukeya  
Byica inshingano ya kibyeyi

Dore mubyeyi uba muri byeri  
Igihe kinini ntubareba  
Ngo ubakangurire kuzaba intore  
Banza ubashakire mitiweli(mituelle)  
Hamwe n'ibikoresho byo ku ishuri

Akabari na bare mubimurinde  
Ye gushoka ibiyobyabwenge  
Bimishushanya na Mayibobo



Binamuhindura igishushungwa  
Niwe mushahara w'abadashobotse

Dore iyo shati itagira ishusho yewe  
Kuko iyo ashatse iby'isuku yayo  
Umushikuza isabune yawe  
Ngo ishata nk'iyi ntacyo itwaye  
Kuko ngo nawe utagira ishuka

Iyo ushishoje iyo mu muryango  
Ayo mashoti n'imigeri myinshi  
By'umugoroba n'ijoro ryose  
Binatuvutsa umudendezo  
Turabirambiwe ndababwiye

Iyo mibanire ifite amakemwa  
Ingaruka zayo nitwe zigeraho  
Zikadukururira ubwamanzi  
Tugakoreshwa kuruta ipunda  
Ngo turebe ko twaramuka

Nimukosore iyo mirerere

Mubane neza iyo mu miryango  
Dukore neza tubigana  
Mutubaze iby'uwo musaruro  
Ibyo uburara bayi bayi

Reka dushimire abayobozi bacu  
Baradutekereza buri kanya  
Barwanya imirimo mibi dukoresha  
Ndetse yemwe n'imukorerwa  
Agahabwa uburenganzira bumukwiye

Barezi bacu turabashimiye  
Hamwe n'ababyeyi mutuba hafi  
Kandi nawe utabikoraga  
Dore uyu muni urabyumvise  
Have sigaho uri umubyeyi

**Yari Nezererwimana Placide, afatanije na Gerome Niyomugabo hamwe n'Umwizaniyesu Clarisse. Niga mu mwaka wa 6 w'amashuri abanza ya Rwamuramira.**

# Ni umwana nk'abandi, byu

**N**itwa Dusengimana Anathalie, niga muri ESA Birambo mu ishami ry'ibaruramari-umwaka wa gatanu (S5 ACC), Umurenge wa Gashali, Akarere ka Karongi.



Nshimishijwe no kugira icyo mvuga ku burenganzira bw'umwana.

Buri mwana afite uburenganzira bwose kandi mu Rwanda umwana ni umuntu wese uri muni y'inyaka 18. Umwana afite uburenganzira kandi ababyeyi be, abamurera ndetse na buri wese muri rusange afite inshingano zo kubahiriza no kurengera uburenganzira bw'umwana.

Umwana afite uburenganzira bwo kwisanzura mu rugo ndetse no ku ishuri. Abana bagomba gufatwa kimwe nk'uko bose ari abana. Hari abibeshya bavuga ko kwiga bireba abana b' abahungu gusa, oya, sibyo buri mwana wese agomba kwiga kuko umwana ari nk'undi. Mubyeyi ita ku mwana kuko ari uwawe, mwiteho kuko ari wowe wamubyaye.

Ni umwana nk'abandi, yaravutse nanjye ndavuka, kuki tudafatwa kimwe? Kabone n'iyi yaba yarahohotewe akajugunywa n'umubyeyi we, ni umwana nk'undi.

Ndabwira bamwe bajya bavuga ngo umwana w' umukobwa ntacyo yageza ku bandi, nuramuka uhaye umwana uburere buboneye nawe niho azagira icyo akumarira, kandi nawe niho uzabona ko wabyaye.

Simbabeshya, hari abajya bitiranya umwana n'umuntu mukuru maze bakamukoresha imirimo idakwiye. Ngaho umwana bamukoreye idomoro y' amazi atayishoboye, ngaho bamuhambiriye umutwaro adashoboye guterura cyangwa bakamuha nk'umufuka umurusha ibiro, n'ibindi. Ese uwo mwana arazira iki?

Bantu muha abana imirimo nk'iyi ndagira ngo mwisubireho mumenye imirimo igenewe abana mubahe imirimo ibakwiye kuko iyi mubahaye iyo badashoboye muba mubahohoteye, kandi bituma umwana ata umurongo ndetse bikanadindiza imikurire ye.



Umwana akwiye kwishima...!



# umve mubyeyi nawe urera



**Umwana afite uburenganzira bwo kwambara. Niba wowe umubyeyi ubonye ukuntu umwana wawe ameze, umwenda we waracitse kuki utareba uko ubigenza ngo na we amere neza ?**

**U**mwana afite uburenganzira bwo kubaho kandi akabaho neza, afite umutekano ahantu hose mu rugo ndetse n' ahandi hose ari kandi igihe cyose.

Ndagira ngo nongere mbabwire ko umwana aho ari hose agomba kwitabwaho, byaba byiza n'abo mu mihanda bitaweho niba ubonye umwana mu muhanda mwegere neza umuganirize, umwerekere ko umwitayeho, kandi yakumvira bitewe n'uko umuvugishije. Umubaze impamvu ataba mu rugo hamwe n'abandi bana cyangwa se niba adafite iwabo. Niba adafite iwabo umwegereze ubuyobozi nabo hari icyo bamukorera bityo bizarushaho kuba byiza mu muco w' abanyarwanda. Kandi na we ubishoboye kandi ufite ubushake n'umutima ukunda wamujyana iwawe ukamurera.

Dusengimana Anathalie, ESA Birambo-S5 ACC



Akitabwaho uko bikwiye...



Bakwiye kurangwa n'akanyamuneza...!



Umwana akwiye kwidagadura...!

# Uburenganzira bw'umwana

Muri aka gakino hagaragaramo ukuntu rimwe na rimwe ababyeyi bahohotera abana babo batabizi cyangwa se kubera ko nta cyo bitaho. Iyo abana bashyize mu bikorwa ibyo bize nko kuganira n'ababyeyi ku burenganzira bwabo bishobora kugira icyo bihindura mu myumvire y'ababyeyi nk'uko muza kubibona muri aka kaganiro abana bagiranye n'ababyeyi babo.

**Abana:** Ese Mama kuki mutuvunisha? Twebwe ntituri abana nk'abandi? Reba kwa Pangarasi, abana be bava kwiga bagasubira mu masomo. Dore nta makayi tugira. Papa ayamarira mu nzoga agataha adukubita ntadufata nk'abana be kandi abandi babyeyi bumvikana n'abana babo. Abandi babyeyi baha abana babo uburenganzira bwabo nk'uko bikwiriye.

**Nyina:** Ni byo koko bana banjye, mumbabarire ko mbavunisha. Ariko nta kundi byagenda mugomba kumfasha imirimo da! Gusa na so nava mu kabari turabimuganirizaho kuko kubaha uburenganzira bwanyu bikwiriye.

**Abana:** Mama mwarimu yatubwiye ko mugomba kubahiriza uburenganzira bwacu! ...**Se w'abana asanze abana baganira ku burenganzira bw'umwana.**

**Papa:** Uburenganzira mushaka ni nyabaki?

**Abana:** Papa, ni akanya gahagije umubyeyi aha umwana maze na we akaba umwana nk'abandi. Ukamuha agaciro nk'abandi,

ukamutega amatwi kandi ukamureka akisanzura mu rugo, akidagadura kandi ntumukoreshe imirimo ivunanye...

**Papa:** Yooo! Bana banjye najyaga ngira ngo inzoga ni zo za mbere! Ariko nta cyo mwansaba ngo nkibime kandi muri abana banjye nkunda cyane!

**Abana:** Papa, turagushimiye cyane ko uduteze amatwi kandi ukaba utubwiye ko dukunda.

**Papa:** Bana banjye mbonye ko ibyo guhora mu kabari nta kamaro bifite, ndetse n'inzoga ndaziretse ngiye kuba umubyeyi mwiza. Nzajya mbaha ibikoresho by'ishuri byose mukeneye kandi nzajya mbatega amatwi igihe cyose. Bana banjye, guhera uyu muni ntimuzongere kuntinya, mujye munyegera maze tunganire mumbwire icyo mwifuza cyose.


**Kwizera Elisa-Ecole Primaire Gabiro, umurege wa Mahembe, akarere ka Nyamasheke.**



**Kirazira** gukoresha  
**abana** imirimo  
ivunanye



Umwanya w'abana  
uri mu ishuri



# Imfubyi twese ziratureba

**A** bana b'imfubyi bakagombye kugira aho babarizwa bakitabwaho na bo uko bikwiye bakagira ubuzima nk'ubw'abandi kugira ngo bibagirwe imibabaro bagize igihe baburaga ababyeyi babo.

Ni ukuri niba urera abana b'imfubyi bafate nk'abawe wibababaza ngo ubakoreshe imirimo ivunanye kuko na bo igihe bari bafite ababyeyi, bajyaga babitaho uko bikwiye ariko ubu ni wowe mubyeyi wabo bafite.

Bagufata nk'umubyeyi

wabo. Bafate nk' abawe kuko ari abana nk 'abandi kandi bagomba kugira uburenganzira bwabo bwose uko bukwiye: kubaho, kwiga, kwisanzura, kugira ijamba n'ibindi.

Hari abana bamwe na bamwe bajya batinya abandi cyangwa bagatinya ababyeyi babo, ntibisanzure mu miryango babamo ndetse bakagira isoni zo kujya mu bandi bana. Ibyo byose bishobora guterwa n'uko barezwe. Ni yo mpamvu ngira ngo mbabwire bantu mwese

murera abana mu ngeri zose mugerageze gukora uko mushoboye kose kugira ngo buri mwana yiyumvemo umuntu wese.

Mubyeyi jya ufata umwanya wowe n'urugo rwawe mwicare wowe n'abana bawe kuko hari byinshi umwana aba akeneye kumenya kandi abibwiye n'ababyeyi bikazatuma umwana ajya yibona mu bandi.

Dusengimana Anathalie,  
ESA Birambo-S5 ACC

## Abakobwa twaragowe ni twe bitambo!

**B** irababaje kubona abana b' abakobwa aho bageze bakora imirimo itabagenewe kandi ibavutsa bumwe mu burenganzira bwabo harimo no kwiga. Ngaho ni we urera barumuna be, ni we ubitaho uko bwije n' uko bukeye; akabashakira ibyo kurya... ngaho niwe uri mu byo guteka, niwe urimo gufura imyenda yose n' ibindi.

Ibi byose mbivuze kubera abana bajya batoroka ababyeyi babo bakajya mu mijyi n' aho bagiye ntibarebe ko ari abana!

Nujya gutanga akazi nawe ujye ubanza urebe niba koko uwo mwana agashoboye.

Bantu mwese nimushyire mu gaciro musubize abana uburere bwabo. Nimubigishe uko bitwara imbere y' abantu b' ingeri zinyuranye,

ababaruta, abo baruta ndetse n' urungano kugira ngo nabo bakure hari icyo bazi.

Niba ubonye akora ibidakwiye mukosore nawe nabona umubuza ntabwo azabyongera kuko nawe azabona ko ari ikosa. Mukosore kandi utamukanga umwigishe neza icyo agomba gukora, mwereke umuryango we uko bikwiye nigihe muzaba mutakiriho azamenye aho abarizwa.

Umwana akwiye kwitabwaho uko ari kose, yaba afite ubumuga cyangwa atabufite, yaba umukobwa cyangwa umuhungu, bese bagafatwa kimwe kuko nawe ni nkanjye, ni umwana nk' abandi. Nshimiye abagiye gusubiza abana uburenganzira bwabo.

Dusengimana Anathalie,  
ESA Birambo-S5 ACC.



## Garuka mu ishuri

Mu rwego rwo gukangurira abana bacikirije amashuri kuyasubiramo, abiga muri gahunda ya Catch-up mu mirengano itanu y' akarere ka Karongi n' imirengano itatu y' akarere ka Nyamasheke ikoreramo bakora amarushanwa y' umupira w' amaguru.

Nyuma y' umupira abiga muri Catch-up batanga ubuhamya bakanashishikariza bagenzi babo bayavuyemo kubera impamvu zinyuranye kuyagarukamo. ADRA ibaha ibikoresho by' ishuri kuko abenshi bavugaga ko bavuyemo kubera ubukene mu miryango yabo.

Ifoto: abanyeshuri ba Catchup Gashali bifotoza mbere y'umukino.



Aba ni bamwe mu banyeshuri ba Catch-up mu ishuri

## Nambuka Mbirurume nkajya kwiga muri **Catch-up** i Karongi kuko aho ntuye ntayihari



**N**itwa Uwimana Claudine, dutuye mu mudugudu wa Rugarama, akagari ka Sovu, umurenge wa Mugano, akarere ka Nyamagabe, Intara y'amajyepfo; ariko kubera inyota no gushaka kugera ku byo nifuza nambutse uruzi rwa Mbirurume ndaza niga mu karere ka Karongi mu ntara b'Uburengerazuba.

Naje kwiga muri gahunda ya Catch up yashyizweho na ADRA Rwanda ku kigo cy'amashuri abanza cya Rwamuramira kiri mu kagari ka rubona, Umurenge wa Ruganda akarere ka Karongi, Intara y'Uburengerazuba bw'u Rwanda.

Muti byagenze bite! Ubu mfite

imyaka 19 kandi ndi imfumbyi. Mbere y'uko Data apfa nigaga mu mashuri abanza hafi y'iwacu. Nagiraga amanota meza bigatuma papa anshishikariza kwiga akantera n'umwete, akiriho. Amaze gupfa nahise njya kwa sogokuru naho sinahatinda kuko abandi bana baraje baranyosha bashaka kungira icyomanyi, ubwo nsiga umuryango wanjye njya gukorera amafaranga. Nabonye akazi ko kuragira ingurube ariko banyirazo naragiriraga ntibanyiteho kandi sinagiraga n'utwenda ngo njye gusenga.

Umunsi umwe ubwo nari ndagiye hafi y'Urusengeru rw'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi ku isabato numva bigisha ibijyanye n'umwana w'ikirara maze nibuka uko najyaga gusenga ku isabato mbona ubuzima ndimo ataribwo. Nahise mfata icyemezo cyo gusubira mu rugo ariko natshye mu gicuku kuko abo nakoreraga bari banze ko ntaha.

Nyuma y'amezi atatu nyogokuru yambajije niba nshobora gusubira ku ishuri maze ndamuhakanira kuko

## “Catch up ni nziza kuko yankuye mu mwijima w'icuraburindi n'ubujiji.

nabonaga ntakwigana n'utwana. Ariko igihe natemberaga ngeze mu isoko rya Gahunduguru riri mu murenge wa Ruganda numvise inkuru ko hari ishuri ryakira abana bacikishirije amashuri kandi rikaba rikorera hafi aho i Rwamuramira. Nakomeje kugira amatsiko y'iyoga gahunda y'amasomo, bakomeza kunsobanurira babwira ko ari gahunda ya catch up kandi ko najye mfite uburenganzira bwo kuba najya kwigayo ndamutse mbishatse. Bukeye nagiyeye ku ishuri ntangira kwiga gahunda ya catch-up ku kigo cy'amashuri abanza ya Rwamuramira. Nasubiye mu buzima bwo kwiga ntyo. Nari naribagiye gusoma, kwandika byo byari byaragiye nka Nyomberi ariko ubu narabyiyibukije, ndetse ntabwo byagarukiye mu gusoma no kwandika ikinyarwanda gusa, hiyongeyeho n'icyongereza. Ubu mbasha kwisomera ibyapa n'ibindi mbikesha Catch up.

Catch up ni nziza kuko yankuye mu mwijima w'icuraburindi n'ubujiji. Ubu niga mu kiciro cya 3, niteguye kuzakora ikizamini cya leta mu mpera z'uyu mwaka kandi nizeye ko nzagitsinda. Ndashishikariza abandi bana bacikishirije amashuri ko bayoboka catch-up kuko izabafasha gukiza ubuzima bwabo buri mu kaga. Uragahoraho ADRA Rwanda ku nkunga ya DANIDA muri gahunda ya catch up.

## Turwanye imirimo mibi ikoreshewa abana

**B**abyeyi namwe barezi bacu  
Bana mwe muri aha ngaha muze  
Dutezimbere imibanire myiza mu miryango  
Twamagane imirimo mibi ikoreshewa abana  
N'ibindi bikorwa bibi bibakorerwa

Dufatanye n'abarezi bacu  
Dushigikiwe n'ababyeyi bacu  
Dutezimbere imibanire myiza mu miryango  
Twamagane imirimo mibi ikoreshewa abana  
Twamagane n'ibindi bikorwa bibi bibakorerwa

Bayobozi namwe mutube hafi  
Mudufashe muri ku rugamba  
Rwo guteza imbere imibanire myiza mu  
muryango  
Imirimo mibi ikoreshewa abana icike burundu  
Ibibi byose bakorerwa tubyamagane

Nimutuba hafi babyeyi bacu  
Tuzakurikira neza amasomo yacu  
Tuziga cyane tunaminuze  
Duteza imbere imibereho myiza mu miryango



Twamagane ibibi bikorerwa abana

Ndashima cyane Leta yacu  
Yita ku bana b'abanyarwanda  
Yashyizeho gahunda nziza  
Yo guteza imbere imibereho myiza mu muryango  
Yamagana imirim o mibi ikoreshewa abana

Erega si mbarambiye ubu ndashoje  
Ariko icyo nsaba namwe mbasabira  
Ni ugutezimbere imibanire myiza mu miryango  
Twamagane imirimo mibi ikoreshewa abana  
N'ibindi bikorwa bibi bibakorerwa

**Yari Tuyishime Yozofina E.P Kinyovu, P6.**

**Ifoto yo hejuru:** Tuyishime ari hagati, yavugaga umuvugo ku munsu w'Umwana w'Umunyafurika.



Igihe abana baba bagiye kwiga, abandi bacunga abakora mu birombe by'amabuye y'agaciro badahari, bakajya gushakisha utwagiye dusigaramo kugira ngo batugurishe. Imirimo nk'iyi ntiyemewe ku bana kandi gukoresha abana mu mirimo nk'iyi bihanwa n'amategeko.



# Nagize ubuzima bubi kubera ko navukanye virusi itera **SIDA**

Ariko namaze kwiyakira ubu niga neza nta kibazo



**M**unganyinki Jean d'Amour, mfite imyaka 15. Navukiye mu mudugudu wa rukaragata mu kagari ka kagarama umurenge wa Mahembe. Niga mu mwaka wa 2 ku kigo cy'amashuri cya Gabiro mu murenge wa Mahembe, akarere ka Nyamasheke.

Ubuzima bw'imibereho yanjye navutse ku babyeyi banduye virusi itera SIDA. Nagize ubuzima bubi cyane kuko numvaga ababyeyi bavuga ko nahoraga ndwaragurika. Nyuma barampimishije basanga naravukanye virusi itera SIDA ariko kuko nari muto njyewe sinari nzi ibyo ari ibyo. Ubwo natangiranye n'imiti ntazi icyo bamvura. Aho ntangiriye ishuri nakomeje kunywa imiti. Kubera imibereho yanjye mibi, nigaga nabi cyane kuko najyaga ku ishuri rimwe na rimwe, dore ko n'ababyeyi batari bashoboye kumbonera ibyo kurya bihagije.

Byageze aho nanga kunywa imiti. Nyuma baranyeruriye bambwira uburwayi bwanjye ko mbana na virusi itera SIDA. Ubwo nacicse intege mara umwaka wose ntiga

**N'ubwo ubu niga ndi mukuru, mfite ishyaka n'icyizere cy'uko nzarangiza amashuri abanza ngakomeza n'ayisumbuye.**

ntegereje urupfu. Mwalimu yaje kubaza ababyeyi icyatumye mva mu ishuri bamubwira ikibazo mfite batamuhishe. Ubwo mwarimu yasabye ababyeyi kungarura mu ishuri. Naragarutse ariko ndushaho kugenda nsibira kubera kwirambirwa. Numvaga ishuri ntacyo rimaze, nkumva imbere yanjye ari urupfu runtegereje gusa ku buryo byatumye niga mu mwaka wambere imyaka ine yose!

Nyuma nabonye uwo mwarimu akomeje kunyegera angira inama yo kwiga nahise muhanga njya kwiga ku kindi kigo cya Mugonero, ho batazi ibibazo byanjye. ubwo naho naragiye nsibira mu mwaka wambere kandi noneho ibibazo byaramperanye nta n'umurezi ungira inama nari ngifte. Nahisemo

kuva mu ishuri nicara mu rugo imyaka ibiri. Wa mwarimu wankurikiranaga aza kuntumaho arongerera angira inama, nza kumutega amatwi neza numva inama angira ari ukuri, dore ko urupfu narutegereje sindubone! Abo twiganye ubu bageze mu mwaka wa mbere muri Nine years naho njyewe ubu ndi kwiga mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza!

Mbere nangaga kwegera abanyeshuri ariko ubu namaze kwiyakira, nkina n'abandi bana nkumva ndishimye. Igihe cyo kujya gufata imiti mbibwira mwalimu nkagenda nkayifata ku gihe.

N'ubwo ubu niga ndi mukuru, mfite ishyaka n'icyizere cy'uko nzarangiza amashuri abanza ngakomeza n'ayisumbuye. Nkaba narangiza ngira inama ababa baraheranywe n'ibibazo nkanjye kubera icyo cyago, ko amahoro ndetse n'ibishimo byo ku mutima bituma umuntu agira icyizere cyo kwiyakira, agakurikiza inama za muganga ubuzima bugakomeza.

# E.P Musongati





## G.S Shoba-Muramba

G.S Shoba Muramba ni ishuri ubu rifite uburezi bw'ibanze bw'imyaka icyenda (9YBE) rihereye mu murenge wa Gashali akarere ka Karongi. Rifite abanyeshuri 680. Kimwe n'ishuri ribanza rya Musongati, Shoba-Muramba naho bari bafite ikibazo cy'ubwihereho bwari bufite ikibazo cya beto zashyizweho nabi nyuma zikaza kuriduka. Nk'uko mubibona hejuru ku mafoto hasigaye harangaye ku buryo higeze no kugwamo umunyeshuri ariko ku bw'amahirwe bamukuramo ari muzima. Iri shuri ntiryahwemye kugaragariza inzego zibishinzwe ikibazo cy'ubu bwihereho. Ubu barashimira akarere ka Karongi, ubuyobozi bw'umurenge wa Gashali, abarerera kuri iri shuri ndetse n'abarituriye bagize uruhare mu iyubakwa ry'ubwirero butandatu.

## E.P Musongati

Ishuri ribanza rya Musongati rihereye mu murenge wa Gashali karere ka Karongi. Rifite abanyeshuri bakabakaba 700. Kuva mu 2008 bari bafite ikibazo cy'ibyumba by'amashuri kuko ibyari bisanzwe byigirwamo byashenywe bitewe n'uko byari bishaje, dore ko byubatswe mu 1947 nyamara ntiyahita hubakwa ibindi.

Kugeza mu mwaka ushize Mulindankiko Michel ushinze uburezi mu karere ka Karongi yavugaga ko ikibazo kigiye gukemuka. Hari hashize igihe kitari gito abana n'ababyeyi ndetse n'ubuyobozi bw'ikigo batakamba bikomeye kubera ingaruka ikibazo cyagira ku myigire y'abana nk'uko twabibagejejeho muri N<sup>o</sup>2 y'akanyamakuru 'Imbarutso y'iterambere' ndetse no mu biganiro bya radio mugezwaho na ADRA Rwanda ku nkunga ya

### DANIDA.

Nk'uko ubuyobozi bwakomeje kugezwaho ikibazo kandi bugatanga icyizere cyo kugikemura, kugeza ubu amashuri yarasakawe ndetse hubakwa n'ubwihereho bushya kuko ubusanzwe bwari bushaje (reba amafoto), kandi imirimo yo kuyatunganya kugira ngo abana bige neza iracyakomeje.

Abayobozi b'ishuri, abarezi, abana n'ababyeyi bashimira ubuyobozi bufite uburezi mu nshingano zabo mu nzego zinyuranye ko bumvise ikibazo cyabo bakagikemura. Bashimira kandi na ADRA Rwanda nk'umufatanyabikorwa utarahwemye kubaba hafi haba mu bikorwa by'ubuvugizi ndetse n'ubundi bufasha burimo amahugurwa ahabwa bamwe mu bagize komite y'ababyeyi (PTA), hagamijwe guteza imbere uburezi muri rusange.

## G.S St. Paul Munigi

Urwunge rw'amashuri rwitiriwe Mutagatifu Pawulo ku Munigi rihereye mu murenge wa Twumba akarere ka Karongi. Mu 2001 iri shuri ryakoze umushinga wo kugeza umuriro w'amashyamba mu kigo bityo basabaga Minisiteri y'Ubuzezi kubaha mudasobwa.

Komite y'ababyeyi barerera kuri iki kigo basabaga kandi irindi shuri hafi kuko abana bakora urugendo rururure, ibirometero bisaga umunani baje kwiga kuri G.S St. Paul yari ifite uburezi bw'ibanze bw'imyaka icyenda aho abana biga bataha (ubu yabaye 12).

Ibi byifuzo byabo babinyujije mu kiganiro "imbarutso y'iterambere" cya ADRA Rwanda ku nkunga ya DANIDA cyatambutse kuri radio Rwanda kuwa 01

Gicurasi 2011. Muri iki kiganiro Madame Mukayiranga Solange wari ushinze icyiciro cya 2 cy'amashuri yisumbuye muri Minisiteri y'uburezi, yabwiye umunyamakuru wa ADRA ko ibyifuzo byabo bigiye kwigwaho bakazabasubiza.

Ibyo basabaga baje kubihabwa mu 2012. Habimana Vincent president wa komite y'ababyeyi avuga ko ari cyo kigo cyonyine mu karere ka Karongi gifite mudasobwa z'abana muri gahunda ya

Leta yitwa mudasobwa kuri buri mwana mu mashuri abanza (one laptop per child), dore ko bahawe nibura 222. Bahawe kandi na mudasobwa 16 nini z'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye. Bahawe irindi shuri ubu rifite uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 (9YBE) ryitwa G.S Gitabura bityo abana ntibagikora urugendo runini. Bashimira MINEDUC yumvise ibyifuzo byabo na ADRA Rwanda yabakoreye ubuvugizi.



# Rahura ubwenge

## QUIZ

1. Umunsi w'Umwana w'Umunyafurika uba ryari?
2. Umunsi mpuzamahanga wo kurwanya SIDA wizihizwa ryari?
3. Ni nde wakandagiye ku kwezi bwa mbere? Hari mu wuhe mwaka?
4. Ni uwuhe musozi muremure ku isi?
5. U Rwanda rufite uturere tungahe?
6. Mu Rwanda hari imirenge ingahe?
7. Mu Rwanda ni uwuhe musozi muremure kuruta indi? Ureshya ute?
8. Ni nde wavumbuye amashanyarazi?
9. Ni ikihe kiyaga gifite ubujyakuzimu burebure ku isi?
10. Ni ibihe bihugu bigize Umuryango w' Ibihugu bya Afurika y' Iburasirazuba, EAC?



### Ni ikihe gihugu kinini kuruta ibindi muri Afurika?

Ni Algeria ifite ubuso bwa 2,381,740km<sup>2</sup>. Gihereye mu majyaruguru ya Afurika. Umurwa mukuru wacyo ni Alger (Algiers). Gituwe n'abaturage basaga miliyoni 33.



### Ibihugu bigize G8

G8 ni urutonde rw'ibihugu umunani bikize ku isi. Uru rutonde rwavutse mu 1975 mu nama yabereye mu Bufaransa, yitabiriwe n'ibihugu 6 Ubufaransa, West Germany, Italy, Japan, United Kingdom, na United States, icyo gihe byitwaga Group of Six cyangwa G6. Nyuma igihugu cya Canada cyaje kujyamo mu mwaka wakurikiyeyo byitwa G7. Mu 1998 Uburusiya nabwo bwaje kujyamo bihinduka G8.

1. Canada
2. France
3. Germany
4. Italy
5. Japan
6. Russia
7. United Kingdom
8. United States

### Ibisubizo

1. Tariki 16 Kamena burundi mwaka
2. Tariki ya 1 Y'ukwezi kwa 12 burundi mwaka
3. Neil Armstrong. Hari tariki ya 20 Nyakanga mu 1969.
4. Ni Everest ufitiye 8848m
5. U Rwanda rufite uturere 30
6. Hari imirenge 416
7. Ni ikirunga cya Karisimbi gifite 4507 m
8. Benjamin Franklin
9. Ni ikiyaga cya Baikali gifite ubujyakuzimu bwa 1700m; mu Burusiya
10. Uganda, Kenya, Tanzania, Burundi n' u Rwanda



# Soma uraseka



**D**USEKE NA  
NZABAHIMANA  
CATHERINE  
WIGA KU KIGO  
CY'AMASHURI ABANZA  
CYA BIGUHU B, MU  
MWAKA WA 6.

**1.** Dogiteri yakoresheje ikizamini abarwayi bo mu mutwe ngo abone uko abasezerera mu bitaro by'abarwayi bo mu mutwe biri I Ndera. Maze abashyira mu cyumba, ashushanya umuryango ku gikuta abarwayi bareba. Arababwira ati " Ngaho

musohoke vuba vuba." Barabyigana umwe muri bo arabareba maze akomeza kubitegereza cyane. Dogiteri abibonye na we aribwira ati uriya we yakize. Mu gihe akibitekereza, umurwayi aravuga ati " Ese ubwo muri mubiki ko arinjye ufite urufunguzo rw'urwo rugi muraca he mwa barwayi bo mu mutwe mwe".

**2.** Kera umuzungu yatanze ikizamini ku bantu bazi igifansa barabura. Nuko umukecuru aje arabaza ati "Muri mu biki hano"? Baramusubiza bati "Uri kuvuga ijambo ry'igifaransa bari kumuha amafaranga ibihumbi bitanu (F 5,000)". Umukecuru

abyumvise aratangara ati " REKA YEE!". Umuzungu ati " Uwo ni nde uvuze ngo les cahiers ngo tumuhembe?". Maze umukecuru ahembwa atyo da!

**3.** Burya kutiga biragatsindwa Umusaza yaguze radio, ubwo arafungura yumva akaririmbo keza yumva arayifunze ati reka nge kumvisha umukecuru wange amugezeho ati umva ako karirimbo keza cheri. Afunguye yumva baravuze bati "iyi ni radio Rwanda ivugira I Kigali ni saa cyenda." Agira umujinya ati nari nzi ko ari radio ivugira iwange kwa Karekezi ngo none iravugira i Kigali aherako arayimena.

**D**useke na Uwayisenga Emmanuel, P6 Biguhu B, Umurenge wa Ruganda

**1.** Umusore yakundanye n'umukobwa. Basezerana kuzajya kumusura. Agiye yo asanga nyina w'umukobwa. Nyuma gato umukecuru yikoza mu gikari agiye gusoba. Umusore amwumvise ati "erega suka gake kuko nta nyota nyinshi mfite!" Yari atekereje ko agiye kumuzanira agatobe!

**2.** Umukobwa yashatse kujya kumusarane aya mu bwihereho bwari bwandistweho ngo "for boys only" (Aha hakoreshe n'abahungu gusa). Yinjiyemo asiga imyenda inyuma. Ashotse asanga bayitwaye, afata cya cyapa agikinga ku kibero. Abamubonye bakahasoma bagasanga handitseho ngo "ni aho abahungu gusa"! Murakoze.

Burya indyarya ihimwa n'indyamirizi!


Abanyeshuri 3 bo muri kaminuza bakwepye ikizamini kuko bari baraye mu kabari badaheruka no kwiga, ubundi ikizamini kirangiye baraza babwira mwalimu bati "twari twagiye mu bukwe bw'umu sista w'umwe muri twe, mu kugaruka imodoka idupfiraho, ubwo nyine ikizamini ntitwabasha kugikora". Mwalimu ati "OK, ikibazo cyanyu kirumvikana rwose, mbahaye iminsi itatu yo kwitegura, mugende muzagaruke mbahe ikindi kizamini nyuma y'iyi minsi 3". Abatype bagenda bicinya icyara bati "mwalimu turamutuburiye wallah!"; noneho baragenda bariga weeee, igihe cy'ikizamini kigeze mwalimu abaha ibibazo bine bisa, ubundi abashyira muri rooms(ibyumba) zitandukanye, buri umwe yisanga wenyine.

Ibyo bibazo byari biteye gutya: 1. Vuga amazina y'umukwe n'umugeni mwatahiye ubukwe bigatuma mudakora ikizamini bagenzi banyu bakoze mu minsi 3 ishize (amanota 25) 2. Ubwo bukwe bwabereye he? (amanota 25) 3. Imodoka yanyu yapfuye mugeze he? (amanota 25) 4. Iyo modoka ni iyo mu buhe bwoko? (amanota 25). Amahirwe masa!

# Ama club **Anti-SIDA** y Ejoheza-Izigamirubuzima i Ruganda na Gihombo

**N**yuma y'amarushanwa ku cyorezo cya SIDA yabereye mu mirenge itanu ya Gashali, Murambi, Ruganda, Twumba na Mutuntu y'akarere ka Karongi ADRA Rwanda ikoreramo, Club anti-SIDA Ejo heza yo muri Ruganda ni yo yabaye iya mbere. Naho mu mirenge ya Mahembe, Gihombo na Kilimbi y'akarere ka Nyamasheke, club Izigamirubuzima ya Gihombo niyo yegukanye insinzi. Kuwa 26 Gashyantare uyu mwaka izi club zombi zabaye iza mbere iwazo zarushanijwe mu mivugo, imbyino n'udukinamico maze Ejo heza yegukana ibihembo kirimo n'inyerekanamashusho (tv screen).

Abahagarariye inzego z'ubuzima mu karere ka Karongi na Nyamasheke ndetse no mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe kwita ku buzima RBC, bishimira ko aya ma club agira uruhare mu guhindura imyumvire n'imyitwarire y'abaturage ku cyorezo cya SIDA, bityo ngo akwiye gukomeza kandi agashyikirirwa.



Club anti-SIDA Ejo heza ya Ruganda bati "igikombe tuzahora tugitwara!"

**Ushaka kugira icyo  
ubaza kuri serivise  
z'ubuzima n'izindi  
serivise mu karere ka  
Karongi, hamagara  
telephone itishyurwa:**

**4096**



Abana na bo bati reka twihere ijisho!




Abagize Club anti-SIDA Ijo Heza ya Ruganda basazwe n'ibyishimo nyuma y'insinzi



Nibura abantu 65 baripimishije

# 'abakuze ku rugamba



Club anti-SIDA Izigamirubuzima ya Nyamasheke yari yabukereye mu marushanwa!



Club anti-SIDA Ejo heza ishyikirizwa ibihembo n'umuyobozi w'ubuzima mu karere Karongi Nizeyimana Abdu (iburyo), n'uhagariye ADRA Rwanda



**ADRA**

ADVENTIST DEVELOPMENT  
AND RELIEF AGENCY  
RWANDA

P. O. BOX 2  
11641 NYARUTARAMA RD.  
KIGALI - RWANDA  
+250 252 574774  
[www.adra.org.rw](http://www.adra.org.rw)

Jefferson Kern, Country Director  
Patrick Mphaka, ASC Program Manager  
Esdras Nzeyimana, ASC Deputy Program Manager  
Layout & Design : Etienne Ntawigira, Comm. & Advocacy Officer